REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA WERURWE 2017

10 Mata 2017

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA WERURWE 2017

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Werurwe 2017. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 7,7% mu kwezi gushize kwa Werurwe 2017 ugereranyije na Werurwe 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa kabiri (Gashyantare 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 8,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 7,7% mu kwezi kwa Werurwe ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 16,0%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa 2,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 8,9%.

Iyo ugereranyije Werurwe 2017 na Werurwe 2016, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 5,4%.

Wagereranya ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2017) n'ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2017) ibiciro byazamutseho 0.6%. Iri zamuka rikaba ryaratewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 1,3% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 0,8%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Werurwe 2017 ibiciro mu byaro byiyongereyeho 15,7% ugereranyije na Werurwe 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa kabiri (Gashyantare 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 16,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 15,7% mu kwezi kwa Werurwe ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 25,7% n'ibiciro by'ibijyanye n'uburezi byazamutseho 52,0%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2017) n'ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2017) ibiciro byazamutseho 1,5%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,8%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Werurwe 2017 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 13,0% ugereranyije na Werurwe 2016. Twakwibutsa ko ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa kabiri (Gashyantare 2017) byiyongereyeho 13,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 13,0% mu kwezi kwa Werurwe 2017 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 23,6%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 5,8% n'ibiciro by'ibijyanye n'uburezi byazamutseho 23,6%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2017) n'ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2017) ibiciro byazamutseho 1,2%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,5%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Werurwe 2016 kugeza muri Werurwe 2017.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Werurwe 2016 kugeza muri Werurwe 2017**

*ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*

| | 2016 | | | | | | | | | 2017 | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 4,6 | 4,7 | 4,6 | 5,5 | 6,9 | 6,4 | 5,8 | 7,4 | 6,4 | 7,3 | 7,4 | 8,1 | 7,7 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 6,5 | 4,3 | 4,3 | 6,7 | 8,3 | 8,1 | 8,3 | 10,0 | 10,6 | 13,0 | 14,5 | 16,2 | 15,7 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 5,8 | 4,4 | 4,4 | 6,3 | 7,8 | 7,5 | 7,4 | 9,1 | 9,1 | 11,0 | 12,0 | 13,4 | 13,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,9 | 0,8 | 0,5 | 0,9 | 1,1 | 0,5 | 0,5 | 1,4 | 0,1 | 0,3 | -0,4 | 1,1 | 0,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 1,9 | 0,6 | -0,2 | 1,1 | 1,4 | 1,9 | 2,3 | 4,0 | 0,7 | -0,5 | -0,3 | 2,3 | 1,5 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 1,6 | 0,7 | 0,0 | 1,0 | 1,3 | 1,4 | 1,7 | 3,1 | 0,5 | -0,2 | -0,3 | 1,9 | 1,2 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),
P.O. BOX 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Publication Director: MURANGWA Yusuf, Director General, NISR; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

SIBOMANA Oscar, Ag. Director of Economic Statistics Department, NISR; oscar.sibomana@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader, NISR; lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw